CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# IBARUWA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA IGENEWE ABAKRISTU KU BIREBANA N'INGORO YA BIKIRA MARIYA N'UBUTUMWA BWA NYINA WA JAMBO I KIBEHO

## "DUFATANYE KUBAKA URUGO RWA NYINA WA JAMBO"

Basaserdoti,
Biyeguriyimana,
Bakristu bavandimwe dukunda,
Mugire amahoro n'umugisha bikomoka ku Mana!

1. Umubyeyi w'Imana yaradusuye. Kuba Nyina wa Jambo yarabonekeye i Kibeho, ni ingabire y'agaciro gakomeye twahawe n'Imana. Ubutumwa Umubyeyi w'Imana yatuzaniye, bugamije kuvugurura imibereho yacu, ngo twakire koko umukiro w'Imana twazaniwe na Yezu Kristu. Muri ubwo butumwa, harimo n'ubureba shapeli. Ubwo ni bwo twagira ngo twibandeho muri iyi baruwa twabageneye. Mu minsi ishize Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro yabagejejeho ubutumwa busaba buri wese ubufatanye mu kwagura ibikorwa by'Ingoro ya Nyina wa Jambo. Muri iyi baruwa kandi, turifuza gushimangira ibyo Umwepiskopi wa Diyosezi ya Gikongoro yabasabye.

**Abemejwe na Kiliziya ko babonekewe**

2. Mbere yo kubagezaho ubutumwa bwerekeye shapeli n'icyo tubasaba, birakwiye kubanza kubibutsa ko ubutumwa tugenderaho ari ubwo twagejejweho n'abo Kiliziya yemeye ko babonekewe koko. Nk'uko tubizi neza, abo ni batatu gusa, ari bo: Alufonsina MUMUREKE, Nataliya MUKAMAZIMPAKA na Mariya Klara MUKANGANGO. Amabonekerwa ya Kibeho yasuzumwe ku buryo bwa gihanga, kandi bukurikije neza amabwiriza ya Kiliziya. Turabasaba mwese kugendera mu murongo Kiliziya yashishoje neza, mwerekeza umutima ku butumwa Nyina wa Jambo yanyujije kuri aba batatu gusa. Kiliziya irangwa n'ubushishozi n'ubwitonzi bwinshi, kugira ngo ikumire ku buryo bushoboka bwose amayeri ya Sekibi, akenshi wigaragaza nk'umumalayika w'urumuri (reba 2 Kor 11, 14). Twongeye kubasaba kwima amatwi abiha gushaka gutanga amabwiriza ku babonekewe, bavuga ko hari n'abandi bagomba kwemerwa. Ibyo bizana urujijo mu kwemera kw'abakristu. Abo mwumva bavuga ko babonekerwa kugeza na n'ubu, turabasaba kubima amatwi, ahubwo mukurikize amabwiriza Kiliziya ibaha.

**Ubutumwa burebana na shapeli**

3. Turifuza kugira icyo tuvuga ku butumwa bwa Nyina wa Jambo ku byerekeye shapeli yifuje ko tumwubakira i Kibeho. Mbere na mbere, tubanje twibutsa ko ku birebana n'ubutumwa

bw'amabonekerwa i Kibeho n'uko abakristu bakwiye kubyifatamo, bireba Umwepiskopi wa Diyosezi ya Gikongoro; umurongo atanze ni wo abakristu bagomba gukurikiza. Nta wundi muntu uwo ari wese ufite uburenganzira bwo gutanga amabwiriza n'imyifatire abakristu bagira mu byerekeye ukwemera kwabo, atari abashumba Imana yabahaye. Nk'uko kandi bisanzwe mu mikorere ya Kiliziya, Umwepikopi wa Diyosezi yunganirwa mu butumwa bwe na bagenzi be bagize Inteko y'Abepisikopi bo mu gihugu cye.

4. Ku byerekeye shapeli, ubutumwa Nyina wa Jambo yahaye ababonekewe bwerekana ko yasabye ko tumwubakira shapeli i Kibeho, nk'urwibutso rw'uko yadusuye akaduha ubutumwa. Mu mateka y'Ibonekerwa rya Kibeho, cyane cyane ku birebana n'ubutumwa buvuga shapeli, biragaragara neza cyane ko Umubyeyi w'Imana yifuje ko Abepiskopi bo mu Rwanda bafatanya gushyira mu bikorwa icyo cyifuzo, kugira ngo bibe ikimenyetso ko yaziye bose, atari abo muri Diyosezi ya Gikongoro gusa. Mu ibonekerwa ryo kuwa 15/09/1982, Nyina wa Jambo yasabye Mariya Klara MUKANGANGO, kujya kubwira Abepiskopi b'u Rwanda bose bari hamwe, ko yifuza ko bamwubakira shapeli. Dore uko avuga ubwo butumwa: «*Uwo munsi yansabye kujya kubwira Abasenyeri ubutumwa bwerekeye shapeli; ngo arifuza ko bamwubakira shapeli, kuko ngo niba yaraje, ntiyaziye gusa abo muri Diyosezi ya Butare, ngo babe bavuga ko iyubakwa rya shapeli rireba gusa Umwepiskopi wa Butare wenyine. Yansabye kubabwira ko yaziye Abanyarwanda bose, ko yaziye isi yose* ».

5. Ibyo byatwumvishije ko Nyina wa Jambo yifuza ko igikorwa cyo kubaka shapeli twakigira icyacu twese. Mu nama yacu nk'Abepiskopi, twafashe umwanya dusuzuma ubwo butumwa n'ibyo dusabwa gukora i Kibeho, dusanga dukwiye kubagezaho ubutumwa bwihariye, kugira ngo twese tubyumve kimwe, turusheho kugendera hamwe. Dore iby'ingenzi birebana n'ubwo butumwa twifuza ko mwamenya, bityo bikanadufasha twese gufatanya muri icyo gikorwa. Shapeli Nyina wa Jambo yasabye ko zubakwa ni ebyiri. Imwe ntoya, yagereranije na metero 30, n'indi nini kurushaho yagereranije na metero 60.

6. Izi metero zumvikana nk'uburyo bwo gufasha uwahawe ubutumwa kumva ko shapeli ari inini n'intoya, bidashatse kuvuga ko ari metero zibaze ku buryo bw'imibare isanzwe. Mu ibonekerwa ryo ku itariki 04/09/1982, igihe nyina wa Jambo yatembereje Nataliya muri shapeli yamwerekaga, yamuhishuriye icyo iryo yerekwa ryari rigamije. Dore uko we ubwe abivuga: "*Turangije arambwira ati: nashakaga kukwereka ko shapeli nini iruta intoya, kandi ko nifuza ko hajyamo ariya mashusho nakweretse yose*". Turumva neza ko Nyina wa Jambo atamwerekaga asa n'ushinga imambo aho iyi n'iyi izubakwa. Icyari kigamijwe muri iryo yerekwa, nkuko Nataliya ubwe abivuga, ni ukumwereka izo shapeli zombi n'uburyo zirutana mu bunini.

Ku byerekeye ingano ya shapeli, Nyina wa Jambo kandi yabisobanuriye Mariya Klara MUKANGANGO agira ati: "*Ntibagomba gutekereza ko nzabereka ibipimo cyangwa se ko nsaba byanze bikunze metero izi n'izi. Bo ubwabo bazagena uburyo bazayubaka, ndetse n'ubunini bwayo babona bukwiye*"[1]. Ibyerekeye ubwo bwisanzure bwo gushishoza igikwiye, na nyakwigendera Musenyeri Agusitini MISAGO, agendeye ku byo Nyina wa Jambo yabivuzeho, yarabihamije[2].

7. Shapeli ntoya, Nyina wa Jambo yavuze ko ari « Shapeli y'ububabare bwa Bikira Mariya ». Yagombaga kujyamo amashusho y'ububabare bwe. Iyi shapeli ni iriya iri i Kibeho, yatashywe kandi ihabwa umugisha ku mugaragaro n'intumwa ya Papa Yohani Pawulo wa II, Nyiricyubahiro

[1] Reba *Diaire* ya Mariya Klara MUKANGANGO.

[2] CF. Déclaration de l'Evêque de Gikongoro, portant jugement définitif sur les faits dits « Apparitions de Kibeho ».

Kardinali Crescenzio Sepe, ku wa 31/05/2003. Shapeli nini yo, izitwa « Iyegeranya ry'abatatanye ». Mu ibonekerwa ryo ku wa 17/7/1982 no ku wa 04/09/1982, Nyina wa Jambo yeretse Nataliya shapeli zombi, anamusobanurira ko zigomba kuba zirutana. Yifuje ko shapeli nini nimara kubakwa, izajyamo amashusho atanu: abiri ku rwinjiriro n'andi atatu imbere muri yo. Ubu turareba aho yakubakwa ku butaka bwa Kibeho.

8. Ku byerekeranye n'ubwiza ndetse n'ubunini bw'izo shapeli, Nyina wa Jambo ntiyasabye shapeli z'akataraboneka. Ntiyashatse ko zaba nini cyane cyangwa se zaba zifite ubwiza budasanzwe. Yabwiye Mariya Klara MUKANGANGO ati: « *Shapeli mbasaba si u Rwanda runini cyane* ». Ibyo ni na byo yabwiye Nataliya MUKAMAZIMPAKA mu yandi magambo, avuga ko tudategetswe kubaka shapeli imeze nk'iyo yabonye mu gihe cy'ibonekerwa ryo ku wa 24/06/1982 : *« Si ngombwa ko mwubaka shapeli imeze nk'iyi ubona, kuko mutashobora kubona ibyo mwakubakisha bimeze nk'ibyo ubona »*.

9. Aho shapeli y'iyegeranya ry'abatatanye izubakwa, tuzahagena vuba, tugendeye ku byo Nyina wa Jambo yavuze mu butumwa bureba shapeli, kandi turebe n'ingano y'ubutaka buhari. Ni na byo kandi Nyakwigendera Musenyeri Agustini MISAGO yavuze mu Nyandiko y'Icyemezo gikemura burundu iby'ibonekerwa ry'i Kibeho, agira ati : « *Ku byerekeye ingano ya shapeli, hazubakwa ingana n'ubutaka buhari* »[3]. Uwo mushinga turifuza ko twawutangira bidatinze. Mu kubaka iyo shapeli nini, tuzitwararika kutagira ibyo dusenya. Ingoro y'Ububabare Burindwi bwa Bikira Mariya izagumaho, ntizakorwaho. Ahabereye amabonekerwa ya mbere, ari naho ubu hubatse "shapeli y'amabanekerwa" na ho hazabungwabungwa, ndetse n'ahahoze hubatse uruhimbi babonekererwagaho, na ho hagomba kubungwabungwa. Ibyo byose ni ibimenyetso by'amateka y'amabonekerwa ya Kibeho.

### 3. Kibeho ikeneye aho yagurira ibikorwa byayo

10. Uretse kubaka shapeli y'iyegeranywa ry'abatatanye kandi, nk'uko Nyiricyubahiro Musenyeri Selesitini HAKIZIMANA, Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro, yabibararikiye mu ibaruwa y'impuruza yo ku wa 19/03/2025, hakenewe kwagura ibikorwa by'Ingoro ya Bikira Mariya. Kibeho y'ejo hashize si yo y'uyu munsi. Uhereye igihe cy'amabonekerwa kugera none, hahindutse byinshi, ishusho ya Kibeho igenda irushaho gukura uko imyaka ihita. Ubutumwa Nyina wa Jambo yatangiye i Kibeho bwagiye buhagurutsa benshi, ari abo mu gihugu cyacu ari n'abo mu bihugu by'amahanga mu byiciro byabo bitandukanye, amatsinda anyuranye y'abakristu, amashyirahamwe y'abasenga, abantu ku giti cyabo, amaparuwasi, imiryango y'Agisiyo gatolika, amadiyosezi ku buryo buteguye, abasaserdoti, abihayimana bo mu miryango myinshi, abakozi b'ingeri zose, abikorera, yemwe ndetse n'abatari abagatolika, bafite inyota yo kumenya Kibeho.

11. Ubu kwakira abagana Ingoro ya Bikira Mariya i Kibeho bikeneye kubonerwa uburyo n'ubushobozi. Ni yo mpamvu hashyizwe imbere kandi ku buryo bwihutirwa igikorwa cyo kubona ubutaka bwagutse bwo kujyaho ibikorwa bigamije gukomeza gufasha Kibeho kwamamaza ubutumwa bwa Nyina wa Jambo. Ibyo bikorwa bikubiye mu mishinga igera kuri makumyabiri. Muri yo harimo ahagenewe kwakira abaje bagana Kibeho, ahatangirwa isakamentu rya Penetensiya, ahatangirwa ibiganiro n'inyigisho bigenewe abakora ingendo nyoboka mana, servisi

[3] Reba Icyemezo cy'Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro gikemura burundu iby'ibonekerwa ry'i Kibeho, 29 Kamena 2001.

zinyuranye z'Ingoro, ah'abayobora n'abasobanurira amateka abifuza kumenya Kibeho, inzu y'isomero n'iz'ububiko bw'inyandiko kuri Kibeho, aherekanirwa amashusho, ahatangirwa ubuvuzi bw'ibanze, ahashyirwa ibinyabiziga, ahari servisi z'abita ku mutekano, aho gusengera hanyuranye, n'ibindi.

12. Aho ibyo bikorwa byateganyirijwe ubu hari imitungo y'abaturage n'abikorera, irimo ubutaka, amazu atuwemo n'ay'ubucuruzi, ay'ubuyobozi bw'inzego za Leta, amakoperative, imirima ndetse n'amashyamba, biri ku buso bugera kuri hegitari cumi n'imwe (11ha). Itegeko risaba ko habarwa mu gishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kibeho. Igenagaciro ry'umwuga ry'ibyo bikorwa ryakozwe na Sosiyete ibizobereyemo mu ntangiriro z'uyu mwaka wa 2025, ryagaragaje agaciro k'amafaranga y'u Rwanda **miliyari enye na miliyoni magana abiri na mirongo cyenda n'enye n'ibihumbi magana inani na mirongo itandatu na kimwe na magana ane na mirongo ine na rimwe (4.294.861.441 Frw).**

13. Iki gikorwa kiratureba twese. Tugomba kubakira Umubyeyi waje atugana. Bizatuma abaza mu ngendo nyobokamana bakirwa uko bikwiye, bityo ubutumwa bwe bugere kuri bose. Turasaba abakristu bose, baba abari mu gihugu, n'abari hanze, ndetse n'inshuti zacu zose, guhagurukira icyarimwe, tugakora iyo bwabaga, tugashyira hamwe ubushobozi dufite, kugira ngo twubake urugo rw'Umubyeyi rukomere kandi rususurutse abarugenda bose. Ntidushidikanya ko mubyakirana umutima w'ukwemera kandi w'ubwitange.

Tubaragije ubuvunyi n'ubuvugizi bwa Nyina wa Jambo!

Bikorewe ku Ruyenzi, ku wa 12 Mata 2025

**Abepisikopi banyu:**

**✠ Antoine Card. KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa KIGALI, akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

**✠ Vincent HAROLIMANA**
Umwepiskopi wa RUHENGERI, akaba na Visi Perezida
w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda

✠ **Anaclet MWUMVANEZA**
Umwepiskopi wa NYUNDO, akaba n'Umujyanama wa mbere w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda

✠**Edouard SINAYOBYE**
Umwepiskopi wa CYANGUGU, akaba n'Umujyanama wa kabiri w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda

✠ **Célestin HAKIZIMANA**
Umwepiskopi wa GIKONGORO

✠ **Papias MUSENGAMANA**
Umwepiskopi wa BYUMBA

✠ **Jean Marie Vianney TWAGIRAYEZU**
Umwepiskopi wa KIBUNGO

✠ **Balthazar NTIVUGURUZWA**
Umwepiskopi wa KABGAYI

✠ **Jean Bosco NTAGUNGIRA**
Umwepiskopi wa Butare